**Uburenganzira bw’umubyeyi/umwishingizi ku ndimi nyinshi**

Ku babyeyi/Abishingizi,

Turashaka gukora ku buryo umenya uburengenzira bwawe mu ishuri rusange rya Maine.

Ufite uburenganzira bwo gusaba ishuri ubufasha mu ndimi (ubusemuzi bw’indimi n’inyandiko) kabone nubwo umwana wawe yaba azi Icyongereza. Uzabuhabwa ku buntu.

Ufite uburengenzira bwo guhabwa serivisi zo gusemurirwa indimi n’inyandiko zitangwa n’abanyamuga babifitiye ubumenyi. Ishuri rishobora kutagendera cyangwa gusaba abanyeshuri, abavandimwe, inshuti, cyangwa umukozi w’ishuri utrbihuguriwe kugira ngo asemurire indimi cyangwa inyandiko ababyeyi/abishingizi.

Ufite uburengenzira bwo guhabwa amakuru n’ishuri mu rurimi ushobora gusobanukirwa kuri porogaramu iyo ariyo yose, serivisi, cyanwga igikorwa cyamenyeshejwe ababyeyi/abishingizi bazi Icyongereza

Ibi bikubiyemo, ariko ntibigarukira ku makuru afitanye isano:

- Kwiyandikisha mu ishuri
- Uburyo bwo kugaragaza ibyo utishimiye no kumenyeshwa porogaramu zitavangura z’ishuri
- Porogaramu z’ubufasha bw’indimi
- Udutabo tw’ababyeyi/abishingizi
- Raporo zigaragaza iterambere ry’umunyeshuri
- Porogaramu zagenewe abafite impano
- Amabwiriza agenga imyitwarire y’abanyeshuri n’uburyo bukurikizwa
- Amashuri y’uburezi bwihariye
- Uburezi bwihariye na serivisi bifitanye isano, no
- gusaba uruhushya rw’ababyeyi/abishingizi bw’inama zo kuganira ku buryo abanyeshuri bakeneye uburezi bwihariye bakwitabira ibikorwa by’ishuri
- inama ihuza ababyeyi/abishingizi n’abarimu
- amafishi atanga uruhushya

Ku yandi makuru, reba urupapuro rw’amakuru rw’Ishami rya Leta Zunze Ubumwe z’Amerika ry’Ubutabera n’Uburezi:https://www2.ed.gov/about/offices/list/ocr/docs/dcl-factsheet-lep-parents-201501.pdf